REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE, DES SPORTS, DE LA CULTURE ET DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE
DIRECTION DE LA CULTURE ET DES ARTS
B.P. 1044 KIGALI
TEL : 8 35 27
FAX : 8 35 18.

# FICHE DE TRANSMISSION :

DESTINATAIRE S/ Eléonore

EXPEDITEUR DCA

| | |
|---|---|
| Tel que demandé | Pour votre approbation |
| Faire le nécessaire | Pour votre information |
| Signer et me retourner | Noter et me voir |
| Préparer une réponse | Noter et classer |
| Pour suite à donner | Suite à votre demande |
| Pour votre signature | Confidentiel |

Commentaires/Observations/Message

Verser ds dossier << Réunions Ministérielles >> à ouvrir (ou déjà ouvert ?) par vous.
Jai aimoné DCA

Date 24/4/98 Signature [signature]

DCA ⇒ Assurer suivi.
Ex: 1) M.N.R – B.N–A.N
2) ARCE.

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA
ICIRIRITSE
B.P.: 1044 KIGALI.

Kigali, ku wa 18/10/97

# INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YAYOBOWE NA NYAKUBAHWA MINISITIRI ITARIKI 16/10/1997.

Itariki 16/10/1997, Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse Dr. Yakobo BIHOZAGARA, yayoboye inama yari yatumiyemo abayobozi b'inzego zose za Minisiteri :

Dore gahunda yari iy'iyo nama, hakurikijwe ibaruwa yayitumiraga. Iyo baruwa yari yanditswe kuri 14/10/1997 n'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri.

1. Inzego nshya za MIJESCAFOP n'Abazishinzwe
2. Inshingano z'umwihariko z'Ubuyobozi bw'Imirimo rusange (Services généraux) n'uburyo bwavugururwa.
3. Imikorere y'imishinga muri rusange n'uburyo yakongerwa ingufu.
4. Ibindi.

Inama yatangiye saa tatu n'igice za mu gitondo.

Amaze guha ikaze abitabye inama, Nyakubahwa Minisitiri yibukije gahunda, maze anabaza niba hari n'izindi ngingo zayongerwaho. Nyuma yo kwungurana ibitekerezo, haje kwongerwaho izi ngingo zindi :

1. Kwimukira mu nzu nshya ya Minisiteri
2. Kuba "Imyidagaduro" yabarizwaga mw'Ishami ry'Imikino Gakondo riri mu Buyobozi bw'Umuco n'Ubugeni, yakwimurirwa mu Buyobozi bwa Siporo.
3. Ikibazo cy'amacumbi ku bakozi.

Mbere y'iyi nyandiko-mvugo, tubanze tuvuge abitabiriye inama n'imirimo bakora, uretse abo mu Buyobozi bw'Urubyiruko, bari basibijwe n'imirimo yo gutegura "INGANDO".


| AMAZINA | IMIRIMO |
|---|---|
| 1. Dr. Yakobo BIHOZAGARA | Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse. |
| 2. Mariko KABANDANA | Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri |
| 3. William NTIDENDEREZA | Umuyobozi w'Imyuga Iciriritse |
| 4. Anne-Marie KANYANGE | Umuyobozi w'Imirimo Rusange |
| 5. RWIGEMA Paterne | Umuyobozi wa Siporo |
| 6. Jean MUKIMBIRI | Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni |
| 7. BUSHAYIJA BUGABO Antoine | Umuhuzabikorwa w'Umushinga APTACS |
| 8. RUTAGWENDEKA Fidèle | Umukozi wari uhagarariye Ishami ry'Iterambere ry'Ubugeni, Inyandiko,Uburenganzira bw'Umuhanzi n'Ububangikanye nabwo (Promotion des Arts, de l'Ecrit, du Droit d'Auteur et des Droits Voisins). |
| 9. RUGAMBA Egide | Umuyobozi w'Ishami rya DAAF (Division des Affaires Administratives et Financières). |
| 10. RWIGEMA Florent | Umuyobozi w'Agateganyo w'Ishami rya "Sports Civils". |
| 11. MUSEMAKWELI Jean | Umuyobozi w'Umushinga "Programme Santé des Jeunes". |
| 12. NDASHYIKIRWA Eugène | Umuyobozi w'Ishami rya "Secrétariat Central". |

| | |
|---|---|
| 13. ABIYINGOMA Ignace | Umuyobozi w'Ishami rya " Infrastructure et Equipements Sportifs". |
| 14. BUTOTO Jean | Umuyobozi w'Ishami ry'Umurage Gakondo "Patrimoine Culturel" |
| 15. Bernardin RUTAZIBWA | Umuyobozi w'Umushinga wigisha Umuco w'Amahoro + Umuyobozi w'Ishami ry'Imikino Gakondo n'Imyidagaduro. |
| 16. Alphonse NGABONZIMA | Umuyobozi w'Inzu y'Igihugu y'Imbikabitabo "Bibliothèque Nationale". |
| 17. MUNYANGOGA Apollinaire | Umuyobozi w'Ishami "Sport Scolaire et Universitaire". |
| 18. RUDAHUNGA Gédéon | Umuyobozi w'Ikigo cy'i KAVUMU |
| 19. RUSIMBI Charles | Umuhuzabikorwa w'Umushinga "KARANI NGUFU". |
| 20. BITWENGE Isaac | Umuyobozi w'Agateganyo w'Ishami "Etudes et Planification". |
| 21. GASANA Vincent | Umuyobozi w'Ishami "Personnel Enseignant" mu Buyobozi bw'Imyuga Iciriritse. |
| 22. KANAMUGIRE Louis | Umuyobozi wa Komisiyo y'Urwibutso rw'Itsembabwoko n'itsembatsemba. |

Nyakubahwa Minisitiri ayobora inama, dore uko ingingo zakurikiranye, abantu bungurana ibitekerezo.

**I. <u>Inzego nshya za MIJESCAFOP n'Abazishinzwe</u>.**

Hagaragajwe "Organigramme" ya Minisiteri. Abashinzwe imirimo nibo twavuze hejuru mu baje mu nama, uretse abayobora imishinga.


MINISTRE
SECRETAIRE PARTICULIER
Academie Rwandaise de Culture
Ballet National
- Musée National
- Bibliothèque Nationale
- Archives Nationales
- Comission pour le Mémorial du génocide et des Massacres Politiques
SECRETAIRE GENERAL
Division Secrétariat Central
Direction Jeunesse
Direction Formation Professionnelle
Direction Services Généraux
Direction Culture et Arts
Direction Sports
Division Mobilisation des Jeunes
Division Gestion Gestion Personnel Enseignant
Division Etudes Planification Informatique
Division Patrimoine Culturel
Division Sport Civil
Division Recherche Etudes Suivi des Projets
Division Programmes
Division Affaires Administratives et Financières
Division Promotion des Arts et de l'Ecrit
Division Sport Scolaire et Universitaire
Division Production Appui aux GSE
Division Logistique Equipements
Division Initiatives pour l'action sociale
Division Folklore et Loisirs
Division Infrastructures et Equipements Sportifs

Hari iby'ingenzi byavuzwe kuri "Organigramme" ubu tugenderaho :

- Urwego rwa "Secrétaire Particulier" rwaremejwe
- Inzego za "Académie Rwandaise de Culture" na "Ballet National " zaremejwe, zinafite amategeko azigenga.
- Haratekerezwa kuzakusanyiriza hamwe inzego zose zirebana na "Conservation de la mémoire" ari zo z'izi :

  * Musée National du Rwanda
  * Bibliothèque Nationale
  * Archives Nationales
  * Commission pour le Mémorial du Génocide et des Massacres.

Gutandukanya cyane izi nzego byaba ari ukwirengagiza amikoro y'igihugu.

- Harifuzwa ariko ko " Commission du Génocide" yaba ikigo ukwacyo, ariko itegeko ryakigenga ntiriremezwa. Icyi kigo cyaba "Office des Mémoriaux du Génocide et des Massacres au Rwanda".

Iyo urebye akamaro ndangamateka k'urwo rwibutso, usanga iki kigo kitapfa kuvangwa n'ibindi.

- Kuri "organigramme" hari haratekerejwe na "Division: Coordination des Sercies décentralisés" ariko inama ya Leta ntiyayemeje.
- Hemejwe kandi ko "Communication yabarizwa muri "Division Secrétariat Central".
- Amashami agaragara munsi ya buri Buyobozi yemejwe n'inama ya Leta.

- Ubuyobozi bw'Umuco n'Ubugeni, bufatanije n'Ubuyobozi bwa Siporo bwige vuba aho "Imyidagaduro = Loisirs" ikwiye kubarizwa, maze uwo mushinga ujyanwe mu nama ya Leta. Mu baziga icyo kibazo, hazabemo na Gédéon RUDAHUNGA "Président du Comité National Olympique", afatanye n'ubwo buyobozi bwombi.

***Ibibazo n'ibisubizo.***

1) - Ni kuki "Académie Rwandaise de Culture" na " Ballet National " bifite intera ndende urebye urwego biriho ?

- Impamvu ni inshingano zabyo, kandi binafite itegeko ryihariye ribigenga. Ahubwo izo nzego zizashyirweho vuba. Ubuyobozi bw'Umuco n'Ubugeni bubyihutishe.

2) - Mbese mu Buyobozi bw'Umuco, izi Divisions ebyiri ntaho zihuriye "Promotion des Arts, de l'Ecrit, du Droit d'Auteur et des Droits Voisins" na "Folklore et Loisirs" ?

- Umuco ufite ebyiri mu nzego zawo; hari urwego rw'ibitekerezo-hame, hakaba urwego rw'imigaragarize y'ibyo bitekerezo. Niho izo nzego zombi zitandukaniye. Ubundi hari n'itegeko rigenga ubuhanzi n'ububangikanye nabwo, na none aha izo nzego zikagirana isano.

3) - Hari inzego ebyiri zahoze mu Buyobozi bw'Umuco, ubu zikaba zitakihabarizwa, ariko kandi inshingano zimwe mu zazo zikaba zitarimukanye n'iz'ubwo Buyobozi kandi byari bikwiye. Izo nzego ni "Commission Nationale Rwandaise pour l'UNESCO", na " Secrétariat à la Francophonie (+ Agence de Coopération Culturelle et Technique)".

- Amabwiriza mashya y'igihe Leta iheruka kuvugururwa yashyize izo nzego zombi muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, inavuga ko "dossiers techniques" zazo zizajya zirebwa na "Ministères techniques". Hazasabwa ko ibintu bijya vuba mu buryo.

4) - Komisiyo y'urwibutso rw'itsembabwoko n'itsembatsemba ntiyahawe intera n'amikoro ikwiye.
- Ni hajyaho itegeko ryihariye riyigenga, iyo Komisiyo izahabwa intera n'amikoro bikwiye. Iryo tegeko ryigwe neza n'abayikoramo

5) - Haravugwa hanze aha kuba hari "Académie Rwandaise de Culture et d'Education". Twabwirwa n'iki ko itazagongana na "Académie Rwandaise de Culture" dushaka gushinga muri Minisiteri ?

- Bwana Yohani MUKIMBIRI yavuze ko amategeko azigenga atari amwe, inshingano zazo atari zimwe, birtyo ari nta kugongana kwabaho. Yongeraho ko iyo "ARCE" yo yavutse " ARC" itaratekerezwa muri Minisiteri y'Umuco. Nyakubahwa Minisitiri ati murarebe neza biteye impungenge. Ati n'inyito ya "ARCE" yahindurwa kugira ngo hatazabaho kwitiranya no kubohoza ibya Leta. Ubwo Yohani MUKIMBIRI yahise atumwa ku Bayobozi ba ARCE.

6) Umuyobozi w'Ingoro Ndangamurage y'Igihugu afite umushinga yise "Institut des Musées". Na "Bibliothèque + Archives Nationales " zagombye gufatanya nawe maze bakigira hamwe uko hatekerezwa imiterere ya ziriya <<nzego zishinzwe KUBIKA UMURAGE = Institutions chargées de la mémoire>>. Na Komisiyo y'Urwibutso

rw'Itsembabwoko n'Itsembatsemba ntizabure muri ibyo bitekerezo. Icyo kibazo kizicarirwe, cyangwa gihagurukirwe, ni biba na ngombwa hategurwe ihugurwa = Séminaire cyangwa urugendo-shuri, nk'i Tervuren (Belgique) maze tuhigire uburyo twaha imiterere iboneye izo nzego zose zivuzwe hejuru. Hategurwe rero kuva ubu gahunda yabyo n'inzego zose bireba, cyane cyane ko "Archives Nationales, Bibliothèque Nationale, Commission du Génocide et des Massacres" ziriho zitegura amategeko zishaka ko yazigenga. Umubano dufitanye na Musée Tervuren wadufasha . Twaboneraho no kubaza uburyo twacyura umurage ndangamuco wacu uhezeyo. Uwitwa Jean Baptiste NKULIKIYINKA ukora mu Kigo cyo mu Rukali yaduha inzira ijyayo kubera imirimo ajya afatanya nabo.

## II. Imikorere y'Imishinga muri rusange n'uburyo yakwongerwa ingufu.

1) Umushinga APTACS = Accelerated Program for Training of Artisans in the construction and related skills. Uwo mushinga uyoborwa na Antoine BUSHAYIJA, wigisha imyuga iciriritse.

2) Umushinga "Santé des Jeunes", uyoborwa na MUSEMAKWELI Jean wigisha urubyiruko kwirinda indwara, cyane cyane iz'ibyorezo nka SIDA.

3) Umushinga wigisha uburere mboneragihugu no kugarura ubwiyunge n'icyizerane mu Banyarwanda, uyoborwa na Bernardin RUTAZIBWA.

4) Umushinga w'i KAVUMU, wigisha gutwara imodoka za rukururana uyoborwa na Gédéon RUDAHUNGA.

5) Umushinga "KARANI NGUFU" uyoborwa na RUSIMBI Charles. Muri rusangi, iyi mishinga iragenda neza, ikwiye kugumana umurego igaragaza byaba ngombwa igaterwa n'indi nkunga. Iyi mishinga ifashwa na none muri Rusangi n'imiryango nterankunga mpuzamahanga.

## III. Inshingano z'umwihariko z'Ubuyobozi bw'Imirimo rusange (Services Généraux).

Aha hagaragaye ibitekerezo bikurikira muri rusange :

- Ubu Buyobozi bushobora kuzagumana ibibazo "DAAF" yari afite, niba inshingano za buri Shami riyigize ritizwe neza, maze buri rwego rukamenya aho ruhera naho rugarukira, gurtyo na buri mukozi aho akamenya intera n'imbago z'inshingano ze. Naho ubundi kuba ubu

Buyobozi bwashyizweho si byo ubwabyo byakemura ibibazo by'ingutu, by'urusobe kandi by'urudaca bihahora. Ibyo bibazo birimo iteganyamigambi, amasoko, gucunga imodoka, lisansi, abakozi, n'ibindi.

- Igituma ubwo Buyobozi bufite imvune, ahanini si mu rwego biri, ahubwo ni uko buri rwego rubiyambaza, na buri wese muri Minisiteri, kandi amikoro ari ntayo, maze abasangiye ubusa bakitana ibisambo.

- Byaragaragaye ariko muri "DAAF" hanabaye imicungire mibi, nko ku byerekeye imodoka cyane cyane.

- Ubundi ibyemezo bifashwe ntibyubahirizwa na bamwe mu Bayobozi.

- Hari n'inzira z'agatereranzamba zijya muri Minisiteri y'Imari. Iki kibazo kizakemurwa n'umushinga wo kuzegereza za Minisiteri abacungamari ba Minisiteri y'Imari.

- Umutungo wa Minisiteri ni umenyekane, wigwe n'ubwo Buyobozi.

- Nta muntu wize amategeko dufite.

Ibi birasaba abajyanama ba rimwe na rimwe, twashakira tukabonera uko baca iyo nshuro, bagira icyo batwigira igihe bikenewe.

- Ubu Buyobozi ni bushake abakozi bakenewe kandi bashoboye, dore iyi Minisiteri ni n'ikigugu cy'inganzamarumbu.

- "DAAF" yireba isanduku gusa, si yo nshingano yonyine y'urwo rwego.

- Ubu Buyobozi bw'Imirimo Rusange ni bwige neza iteganyamigambi, kandi buri gihe bujye bukora isuzuma ry'aho iteganyamigambi ritugejeje.

- Abakozi b'ubwo Buyobozi bige kandi bamenye gukoresha bya byuma by'indasobwa , bya mubazi, bita "Ordinateurs = Computers". Ibi bikwiye no kwigwa n'ubundi Buyobozi bwose.

- Ubu Buyobozi bwubahirize amabwiriza yo gutanga lisansi kuko ari kimwe mu bibazo bikomeye mu bucungamari. Kurenza litiro zemewe bijye bibonerwa uruhushya.

- Ubuyobozi bw'Imirimo Rusange bukurikirane neza imicungire y'amafaranga y'ingengo y'imari isanzwe, kimwe nay'imishinga, kandi ariko iyo micungire itandukane neza, hoye kuba kuvangitiranya.

- Abajya mu ngendo z'ubutumwa bakwiye kujya bahabwa impamba mu gihe.

- Ibyo bizashoboka mu mwaka utaha kubera imigambi ya Minisiteri y'Imali n'Igenamigambi twavuze hejuru.

- Uretse abakozi b'aba "Sous-Contrats" twaha akazi, abandi tuzajya tubasaba Minisiteri y'Abakozi n'Umurimo kuva umwaka utaha.

- Abakozi b'urwibutso rw'itsembabwoko n'itsembatsemba batarahembwa babe bashakirwa vuba na bwangu amafaranga mu ngengo y'imali ya Komisiyo yabo, ejo batazaducika.

- Hakenewe ko tumenya itegeko rigenga abakozi ba Leta "Statuts de la Fonction Publique", tukamenya itegeko rya kera n'umushinga w'itegeko uriho.

Inama yarangiye saa saba na cumi, ibibazo no kwungurana ibitekerezo bigikomeza. Nyakubahwa Minisitiri wayoboraga inama biba ngombwa ko ayisoza asaba ko ku wa kabiri utaha haba kuyikomeza.

Umwanditsi w'Inama Yohani MUKIMBIRI,
Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni.

Kigali, ku wa 31 / 10 / 97.

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE.

# INYANDIKO MVUGO Y'INAMA YAYOBOWE NA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE. Itariki 21 / 10 / 1997.

Itariki 21 / 10 / 97, Nyakubawa Minisitiri w'urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse. yayoboye inama yari yatumiyemo abayobozi b'imirimo muri Minisiteri.

Iyo nama yakurikiraga inama yayibanjirije, yo kw'itariki 16 / 10 / 1997.

Dore abitabiriye iyo nama.

| AMAZINA | IMIRIMO |
|---|---|
| 1) Dr. Yakobo BIHOZAGARA | Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse. |
| 2) KAREMERA Pierre | Umunyamabanga wihariye wa Minisitiri. |
| 3) KABANDANA Mariko | Umunyamabanga Mukuru |
| 4) NTIDENDEREZA William | Umuyobozi w'Imyuga Iciriritse. |
| 5) KANYANGE Anne - Marie | Umuyobozi w'Imirimo Rusange |
| 6) MUKIMBIRI Yohani | Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni |

| | |
|---|---|
| 7) RWIGEMA Paterne | Umuyobozi wa Siporo |
| 8) ZIMURINDA Henriette | Umukozi mu mushinga wita k'Urubyiruko Rutagira Kivurira. |
| 9) RUGAMBA Egide | Umuyobozi w'Ishami « DAAF ». |
| 10) KAYIJUKA Gaspard | Umuyobozi w'ikigo cy'i Gacuriro |
| 11) KANAMUGIRE Louis | Umuyobozi w'Urwibutso rw'Itsembabwoko n'Itsembatsemba. |
| 12) SALAAM J. M. Vianney | Uhagarariye ubuyobozi bw'Urubyiruko. |
| 13) RUSIMBI Charles | Umuyobozi w'Umushinga « KARANI NGUFU ». |
| 14) GASANA Vincent | Umuyobozi w'Ishami ry'abakozi mu Buyobozi bw'Imyuga Iciriritse. |
| 15) RUTAZIBWA Bernardin | Umuyobozi<br>**a)** w'Umushinga wigisha Umuco w'amahoro.<br>**b)** w'Ishami ry'Imikino gakondo n'imyidagaduro. |

**Inama yatangiye saa ine n'igice.**

Dore gahunda yabaye iyayo :

1 . Gusoma inyandiko y'inama y'ubushize.
2 . Imikorere y'imishinga n'uburyo yakongerwa ingufu.
3 . Ibindi.

## I. <u>Inyandiko - mvugo y'inama y'ubushize</u>.

Uwari yafashe inyandiko y'inama yo ku wa 16 / 10 / 1997 yasomeye abari aho ibyavuzwe ubushize. Ibitaragaragaye cyane muri iyo nama byaje kugira icyo bivugwaho mu nama y'uwo musi w'iya 21 / 10 / 1997. Ni byo by'ibi :

- Umushinga wo gufashanya mu bakozi ba Minisiteri.

- Ibyerekeye umushinga wo kurwanya sida mu rubyiruko.
- Imikoranire ya Minisiteri na Unicef.

Muri rusangi, abasomewe inyandiko barayishimye, ariko Minisitiri agaya ko buri wese atari afite kopi yayo ngo abashe gukurikira ibikubiyemo kurushaho.

## II. Imikorere y'imishinga n'uburyo yakwongerwa ingufu.

Umuyobozi w'inama, Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse, yahaye ijambo Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri kugira ngo agaragaze mu mbonerahamwe imikorere y'imishinga n'uburyo yakongerwa ingufu.

Dore ingingo z'ingenzi Umunyamabanga Mukuru wa Minisiteri yagejeje ku bari aho :

### II . 1. Imishinga yo mu Buyobozi bw'Urubyiruko.

- Imishinga myishi ni ibarizwa mu Buyobozi bw'Urubyiruko.
- Aha havugwa nk'umushinga wita ku bana batagira kivurira « Jeunesse en Situation Difficile »
  * Uyu mushinga umaze umwaka n'igice utangiye.
  * Watangiye wiha icyitegererezo ku KIMISAGARA « Projet pilote »
  * Wita ku bana bandagaye mu mihanda, bataragimbuka, ariko banagenda barutana.
  * Ni Minisiteri yacu yonyine ibitaho, uretse ko ifatanya n'inkunga y'ibihugu by'inshuti nka CANADA, n'imiryango nterankunga nka UNICEF, na PNUD.
  * Icyakozwe ni uko dukura abana mu mihanda, tukabashyira mu bigo, tukabashakira aho biga nko mu mashuri abanza, mu myuga iciriritse, tukanabigisha kubara, gusoma no kwandika, ari nako dutegura uko basubira mu miryango. Abana bagera kuri magana atatu bose bashyizwe mu mashuri. Abagera kuri 50 basubiye mu miryango yabo i Gitarama.
  * Hari icyakora ibibazo mu nzego ebyiri
    a) Abana bamwe basubiye iwabo harabananira kuko ibigo bisa n'ibyabatetesheje kandi iwabo ari nta guteta
    b) Ababyeyi bamwe ntibashaka abana babo, ariko ni bake.

  * Urebye ariko muri rusangi, umushinga wabaye mwiza, ku buryo wanavuye ku rwego rwa KIMISAGARA ukagera ku ntera y'igihugu

* Tubonereho gushima n'inkunga duterwa n'inzego z'igihugu zinyuranye, nka Perefegitura y'Umujyi wa KIGALI.
* Mu bigo bishya hari i SHYORONGI n'i BUTARE, uko umushinga ukura, ni ko n'ibibazo bikura, yewe n'abakozi bamwe bakananirwa.
* Inzego z'umushinga ni izi : Umuhuzabikorwa, uwungirije, ushinzwe ubuyobozi n'ubucungamari n'abandi bakozi.
* Hari n'ibindi byita ku rubyiruko rutagira kivurira ariko bitari mu rwego rwa Minisiteri.
Ibyo tubisanga nk'i BUTAMWA, n'i NYANZA. Ibyo by'abikorera ku giti cyabo, nk'imiryango itegamiye Leta, hari ubwo usanga biyobowe na bamwe mu bihay'Imana. N'i Kibuye haravugwa ikigo nk'ibyo. Yewe n'i MAYANGE hari umushinga . Igihe lero kirageze cyo gukorana nabo, tukaba urwego mpuzanzego nyakuri. Hanabaye ihugurwa kuri icyo kibazo ariko Raporo ntirashyirwa ahagaragara.
*Aho igihe kigeze, umushinga wita k'urubyiruko rutagira kivurira wahangana n'ibi bibazo:

- Uyu mushinga ukwiye kugera k'umwanzuro uhamye, maze abana b'imfubyi bakajya mu bigo by'imfubyi, abagira iwabo bakazajya bahasubizwa.
- Imikorere ikwiye kugusha mu nzira imwe, Minisiteri ntikore ku bwayo buryo, n'abandi ku buryo bwabo. Tuyobore imikorere yose mu gihugu.
- Abagaragaza ubushobozi buke mu mirimo y'ubuyobozi basezererwe, bamwe byamaze no kubabaho.

Nyuma y'iyo mbonerahamwe kuri uwo mushinga, habajijwe ibibazo, haboneka ibisubizo, mu bwuzuzanye bw'abari mu nama.

**Dore ibibazo n'ibisubizo**.

1.- Ngo baba bajyana mu bigo abana basanze mu muhanda ku ngufu, ngo nk'igihe babonye umwana yuzuyeho umwanda. Ngo maze umubyeyi agaheruka yatumye umwana, bwacya akamusanga mu kigo runaka.
- Ngo hari n'abana bajyanwa mu miryango itari iyabo, bakahagirwa ababoyi n'abayaya.
- Ngo hari n'imiryango itegamiye Leta ikura abana mu miryango mu buryo budahwitse.

**Ibisubo rusange** :

- Uwo mushinga ntuyora abana mu muhanda, ufite abakangurambaga babitegurira abana. Habaye n'amanama menshi. Hari n'ubwo bamara amezi bari kumwe. Mu bigo habanje gushyirwa abitabiriye abo bakangurambaga. Nyuma ariko koko hari ababyeyi bibwirije gutwara ababo bahoze mu mihanda. Ariko nabo babyeyi

babanje kubikangurirwa. Ikindi cyizwi ni uko hari abana bagenda mu mukwabu iyo wabaye, bukeye ikibazo kikazakemurwa nyuma yawo.
- Iby'abana bajyanwa mu muryango bakahabera abaja birakurikiranwa n'inzego bireba zose, kimwe n'iby'imiryango itegamiye Leta yaba ikura abana mu miryango yitwaje kuyirusha imikorere.

Ibyo ari byo byose, ibitekerezo aha bigusha ku ngingo ivuga ko « responsabilité » zifata ku babyeyi, mbere yo gufata ku bana. Hari icyakora ahari ibibazo byihariye kurusha ahandi. Urugero ni nk'i Mwulire usanga abapfakazi benshi badashoboye kurera abana babo. Aha Minisitiri yatanze inkunga ahabonera abana mirongo itatu bajya mw'ishuli ry'imyuga iciriritse.

**2** . Urubyiruko rutagira kivurira bivuze byinshi, birenze gusa ba bana bo mu muhanda. Urugero twarwumviye mu Ngando yabereye ku Rusumo, mu mpera z'Ukwakira. Umusore n'inkumi batazi gusoma, kubara no kwandika, abafatirwa umusoro batagira amikoro, imfubyi z'abacikacumu babura inkunga igaragara mu buzima bunyuranye barimo, aha hose havugwa urubyiruko rutagira kivurira, rugomba kwitabwaho n'inzego zinyuranye.

Ibibazo rusange n'ibyihariye inama yasanze bituma n'ingengo y'imari ireba amajyambere y'umwaka utaha w'i 1998 yateganyiriza urubyiruko rutagira kivurira. Muri urwo rwego hateganywa nko gusana cyangwa kwagura ibigo.

Amafaranga agenda kuri uyu mushinga duhabwa n'imiryango nterankunga kandi azajye amenyeshwa Leta kuko ariyo ishinzwe ubuhuzabikorwa n'ubuyobozi bw'igihugu. Ibi birareba n'indi mishinga yose. Inama yanasanze n'iriya miryango nterankunga ikwiye nayo ubwayo kubimenyesha Minisiteri y'Intebe n'iyiteganyamigambi. Ni mu gihe kandi kuko iriya miryango itera inkunga Leta ntitera inkunga Minisiteri runaka.

- Undi mushinga wagize icyo uvugwaho ni umushinga witwa « KARANI NGUFU »
* Uyu mushinga nawo uterwa inkunga n'igihugu cya CANADA..
* Watangiranye nawo icyitegererezo « projet pilote »
* Ufite intego eshatu

  * - Gukangurira abitwa « KARANI NGUFU » kuzigama no gushaka inguzanyo
  * - Gushyira ba « Karani ngufu » mu mashyirahamwe
  * - Kubaha ibikoresho - mbonera by'ibanze.

* Nawo umaze umwaka n'igice.

* Intego zawo rusange zagezweho. Ubu hari amashyirahamwe ageze kuri 25. Cumi n'atanu arakora neza, icumi yandi aracumbagira. Amahugurwa yarabaye, bafite « comptes » muri za « Banques » uniformes, inomero buri wese n'ibindi, biboneye ingorofani 20, zaraguzwe ziratangwa, hari 50 zirindiriwe mu kwezi kwa kabiri 1998.

- Umushinga wa gatatu urangwa mu Buyobozi bw'Urubyiruko ni uw'INGANDO.

* Ingando zisanzwe zarahagaritswe hitabwaho izireba igihugu cyose inyuma yaho impunzi nyinshi zitahukiye.
* Impamvu zigamijwe ni izi :

  * - Guhuriza bose hamwe bagahabwa uburere mboneragihugu rusange
  * - Guhuza abishishana ngo bamenyane, bamenyerane, babane
  * - Gusiga igikorwa kigaragara ahabereye ingando bikagaragaza n'amaboko y'abenegihugu.

- Umushinga wundi uvugwa muri ubwo Buyobozi na none ni uwo kurwanya icyorezo cy'indwara ya SIDA.

* Uyu mushinga ukorana n'ingando. Uca lero no mu bikorwa, si mu nyigisho gusa.
* Ubu uwo mushinga ufite ibibazo byerekeranye n'abakozi, n'amafaranga.

## II . 2. <u>Imishinga yo mu Buyobozi bw'Imyuga Iciriritse</u>.

- Twibutse ko Imyuga iciriritse yahoze ari imwe mu nshingano z'ubuyobozi bw'urubyiruko.
- Ni imishinga yigisha urubyiruko imyuga iciriritse
- Igihugu cya Canada nicyo cyabanje gutera inkunga muri uru rwego, hashize umwaka n'igice.
- Hari umushinga werekeranye no gutera inkunga witwa « projet d'appui au Mijescafop »
- Icyo iyo projet ikora ni :
  * gusana ibigo
  * guhugura abarimu
  * no gutanga ibikoresho mu bigo

- Hamaze gusanwa ibigo 2, icya Gaculiro n'icya Rwabuye
- Hari abarimu ijana bahuguwe
- Hari n'ibikoresho binyuranye byatanzwe

Abari mu nama bungurana ibitekerezo, havuzwe ibi :

- Uyu mushinga watangiranye imigabo myinshi mu rwego rw'ibitekerezo
- Nyuma ya Canada, watewe inkunga na HCR
- Wafashije kwigisha mu bwubatsi.
- Ubwubatsi n'ububaji byigwa amezi atatu
- Hari abana magana atatu bigishijwe
- Abo ni bake ku buryo HCR yateye indi nkunga hakaba harafunguwe ikindi kigo, icyo kibaye icya kane, kiri i Kibeho
- N'ubudozi bwaje kwiyongera kuri ya myuga iciriritse yigishwa urubyiruko, abana bagera kw'i 140 bamaze kubuhugurirwa
- HCR mu nkunga yayo ariko, inyuzamo igatinda gutanga amafaranga.

Undi mushinga uvugwa mu buyobozi bw'imyuga iciriritse ni umushinga uri i KAVUMU, ufashwamo n'aba Russiya, ukaba wigisha aba « chauffeurs » n'aba « mécaniciens » .

- Uyu mushinga watangiye ukora nabi nabi
- Ubu uragenda utera imbere
- Mu mezi atatu wigishije aba « chauffeurs » 120, n'aba « mécaniciens » nk'abo.
- Biga ahanini gutwara no gukanika bya bimodoka bya Ruvakwaya bita << Poids Lourds »
- Igihugu cya Luxembourg nacyo cyateye inkunga muri ibi. Luxembourg iratera inkunga ibigo bitanu, mu mashami atanu yigisha imyuga iciriritse.
- Ubu Buyobozi bufashwa n'ubutwererane bw'ibihugu mu mishinga yabwo yose.

### II. 3. <u>Ubuyobozi bw'Imikino ( Sports)</u>

Ubu Buyobozi nta mushinga wihariye bufite. Icyakora Unicef irafite igitekerezo cy'umushinga wo muri ubu Buyobozi. Biri mu nzira. Nyakuhwa Minisitiri yaboneyeho kuvuga ko « Sports » ubwayo yagombye kuba « Bailleur de fonds » tukayibyaza umusaruro . Uwo musaruro wava mu baza kureba imikino kimwe nuko wava mu bigo, nk'ikibuga, nka « Hôtel Amahoro » . Ayo mafaranga y'uwo musaruro yagaruka akazahura « Sports » . Twoye gukora duteze amaso hanze gusa, ngo Minisiteri ibe igizwe n'imishinga hafi gusa. Dore nk'ubu ingengo y'imari ihemba abakozi, ikagura « essence » igatuma dukoresha imodoka. Ni ibyo hafi gusa, ingengo y'imari ikora.Dukoresheje neza « Sports » yagenda buhoro buhoro igaruza ibiyitangwaho. Amasezerano ari hagati ya Minisiteri n'Amashyirahamwe y'imikino atuma ayo mashyirahamwe aduha 20 % y'amafaranga « Sports » yinjiza. Aya atuma dufata neza « Stade ». Iyi stade ubwayo yatanzweho 87.000.000 Frw ayisana. Haguzwe n'intebe. « Stade » ikoze neza, yatinda igatanga umusaruro, tukubaka n'izindi stades mu ma « Préfectures ». Ubuyobozi ni bujye bureba uko bwabyaza umusaruro amikoro bwahawe. Nyakubahwa Minisitiri yanzura yagize ati « Sports » lero si umwana watereranywe muri Minisiteri.

Abantu bungurana ibitekerezo, umuyobozi w'Imyuga Iciriritse yagize icyo avuga k'umushinga uri i KAVUMU h'i Nyanza. Ati uyu mushinga wigisha aba « chauffeurs » amezi 3, ukigisha aba « mécaniciens » amezi 6. Uwo mushinga kandi ufashwa na PNUD / UNDP.

Kugira ngo usabye kwiga ubu « chauffeur » yemererwe, agomba kuba yujuje ibi bikurikira :

- Kuba afite « Permis » y'imodoka nto. Impamvu ni uko bahigira gutwara bya bimodoka bya rutura.
- Kuba wararangije amashuri abanza
- Kuba ufite imyaka iri hagati ya 19 na 35. Umu « mécanicien » we bamusaba kuba afite iri hagati ya 16 na 30.
- Gutanga amafaranga 7.500 ku kwezi iyo wiga ubu « chauffeur », ugatanga 15.000 iyo wiga ubu « mécanicien ».

Umuyobozi w'Umuco n'ubugeni yasabye kuzajya yigisha umuco w'amahoro aho i Kavumu, nkuko yigisha no mu bandi bantu bo mu buzima bunyuranye. Ni mu rwego rwo kuvugurana ibitekerezo.

Umuyobozi w'Imyuga iciriritse yakomeje nyuma avuga ko amashami abiri kuri atatu y'ubwo Buyobozi adafite abayobozi. Ikindi kibazo afite ni uko akamodoka kamwe afite ariko gakora imirimo yose. Hakenewe kandi n'abakozi n'ibikoresho.

Umuyobozi w'Imirimo rusange n'Umunyamabanga Mukuru basabwe gufasha uwo muyobozi mu gukemura ibyo bibazo. Bati ni hashakwe abakozi kandi bashoboye, n'ibikoresho. Babonerwe imishahara ibakwiye ubu buyobozi bukwiye kwitabwaho rwose cyane cyane ko bwo bwanagaruka kubabyara vuba umusaruro, dore ko bukora mu gihugu cyose, kurya ureba imyuga iciriritse y'urubyiruko rurenga 80 % = mirongo nani kw'ijana mu Rwanda.

## II . 4. <u>**Ubuyobozi bw'umuco n'ubugeni: Umuhuzabikorwa w'umushinga w'uburere mboneragihugu.**</u>

Bernardin Rutazibwa uyobora umushinga wo kwigisha umuco w'amahoro yahawe ijambo agira icyo avuga. Dore ibyo yagejeje ku bari aho mu mbonerahamwe:

- Umushinga wagenewe igihugu cyose
- Mw'ikubitiro hari icyiciro ntangarugero « phase pilote » mu ma « Préfectures » atanu.
- Ugamije ubwiyunge bw'Abanyarwanda nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba.

- Uyu mushinga wabanje guhurirwaho na Minisiteri zose zishinzwe imibereho y'abantu « Ministères sociaux »
- Abaturage nabo bagishijwe inama, barebera hamwe aho uwo mushinga wahera.
Habaye aha :
  * amateka y'igihugu cy'u Rwanda
  * uko intambara n'itsemba byaje
  * ingaruka
  * icyakorwa : uruhare rwa bose

- Habaye ibiganiro mbwirwa- ruhame, amahugurwa,
- Ahagezwe ni muri ya ma « Préfectures » atanu, mu ma « Communes » 10, no mu ma « Secteurs » 20 yayo. Ni muri Gitarama, Cyangugu, Gisenyi, Butare, Kibungo.
- Abahuguwe ni ahanini abayobozi b'inzego n'ingeri nyinshi zinyuranye.
- Ibitekerezo by'ingenzi byarakusanyijwe mu nyandiko « corpus, syllabus »
- Iyo nyandiko ikwiye kujorwa, ikagira icyo ivuzweho, inozwe.
- Mu cyumweru cyahariwe umuco muri 1996 havuzwe ahanini uwo muco w'amahoro.
- Hari n'ibitaramo n'imikino ku bwiyunge byatewe inkunga n'uyu mushinga, kimwe n'amarushanwa anyuranye.
- Icyiciro cya mbere cyagombaga kumara amezi atandatu
- Icyiciro cya kabiri ntikiratangira. Kizaba icyo gusakaza inyigisho yavuye muri rya kusanyabitekerezo.
- Inyigisho zizaca mu bigo bikwiye igihugu nka I.G.A..

Umuhuzabikorwa yashoje ijambo rye avuga ko uretse we, hari abandi bakozi. Hari bane b'impuguke, umu « chauffeur », n'abanyamabanga. Uwo mushinga kandi ngo ufite amahirwe yo kuba ufite imodoka y'akazi.

Nyuma y'iryo jambo ry'umuhuzabikorwa w'umushinga ugamije umuco w'amahoro mu Rwanda, Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni we yibukije ko n'ubwo uwo mushinga wakoze neza :
- Ntabwo hari politiki y'igihugu iratanga umurongo umuco w'amahoro wakwigishwamo « Politique nationale en matière de culture de paix »
- Nta n'urwego ruhuza ibikorwa ngo runasuzume imikorere y'imishinga yose yerekeranye n'umuco w'amahoro mu gihugu « Structure de coordination et de suin des activités de culture de paix »
- Icyakora, Unesco, ifatanije na PNUD, n'inama y'igihugu ikorana na Unesco, hamwe n'Ubuyobozi bw 'Umuco n'Ubugeni baraye bashyize ahagaragara umushinga w'igitabo cy'ibyakozwe byose.

Nyakubahwa Minisitiri yunganiye abavuze agira ati twige neza imiterere n'imikorere y'imishinga iriho, ubuyobozi bwayo bube ubunogeye, habe n'urwego mpuzamishinga.

## IBINDI.

Nyuma y'ibyari kuri gahunda, abari mu nama bunguranye ibitekerezo ku bintu n'ibindi, bagira n'ibyo bamenyeshwa.

1. Abari aho bamenyeshejwe ko Umushinga w'Ingando ubu uyoborwa na Jean-Paul Munyendamutsa wasimbuye umutegarugori witwa Agnès, ubu wimukiye mu mushinga wita ku rubyiruko rutagira kivurira.
2. Umushinga « santé des jeunes » ufite ibibazo. Uzabyicarire cyangwa ubihagurukire kuva ku wa gatatu w'igitaha. Wige neza n'imikoranire yawo n'abaterankunga bawo.
3. Minisiteri izimukira mu nzu nshya iri i Kacyiru mu misi itaha. Isa n'iyuzuye mu by'ibanze byose.
4. Ubuyobozi bw'Umuco n'ubugeni bufatanye n'ubwa « Sports » bukomeze burebere hamwe niba « imyidagaduro = Loisirs » yava mw'ishami ry' « Imikino Gakondo n'Imyidagaduro » ikajya mu Buyobozi bubarizwamo « Sports »
5. Ikibazo cy'amacumbi .
   - Muri iyi Minisiteri hari urwego rwigeze rugishyirwaho ngo rurebe uko abakozi babona aho bazubaka, bigamije kubonera abantu amacumbi. Na « Plans » zari zatanzwe. Bikomeze bikurikiranwe muri PVK
   - Leta hambere yahagurukiye gukangurira abantu kubaka. Nyuma nta byinshi byagezweho. Abantu ntibishimye. Hababaye benshi mu gihugu kubera ikibazo cy'amacumbi.
   - kuba PVK itemera amatafari adahiye ntibituma amikoro make ya benshi hari icyo abagezaho mu rwego rw'amacumbi.
   - Gusohora abantu mu mazu beneyo batahutse, utereka aho abasohowe bajya, ni ugukemuza ikibazo ikindi.
   - Kwiga iki kibazo bihuriranye n'ubutumire bwa « Goboka » ikaba ishyirahamwe ryiyemeje gufatanya n'abanyamuryango baryo kwubaka bifatanije. Minisitiri ati tuzitabire twese ubutumire turebe bumwe mu buryo bwafasha Abanyarwanda kwikemurira ibibazo. Ati kandi n'inzego za Leta zikomeje kureba uko icyo kibazo cy'igihugu cyakemurwa.

Inama yarangiye saa saba n'igice, mu mwumvikano.

**Yohani MUKIMBIRI.**

Umwanditsi.